

REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUREZI, UBUMENYI,
IKORANABUHANGA N'UBUSHAKASHATSI
IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO.

Integanyanyigisho z'ikinyarwanda mu mashuri abanza

ICYICIRO CYA KABIRI

© IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO.

Kigali, Kanama 2004

Ivugururwa ry'integanyanyigisho z'ikinyarwanda z'amashuri abanza ry mu mwaka w'2004

0. Imvano

Nyuma y'amarorerwa y'itsembabwoko n'itsembatsemba yagwiriyeye u Rwanda mu mwaka wa 1994, byabaye ngombwa ko integanyanyigisho z'amashuri abanza n'ayisumbuye zivugururwa kugira ngo hakosorwe ibyari bikocamye. Ivugururwa ryo muri 1997 ryakozwe hutihuti kubera ingorane zinyuranye igihugu cyari gifite n'ibibazo byihutirwa byagombaga gukemurwa mu burezi. Muri iki gihe zimwe mu ngorane zavuye mu nzira ni ngombwa ko integanyanyigisho zakozwe muri 1997 zirononsorwa hakurikijwe ingamba za Leta mu burezi cyane cyane iyerekeye uburezi kuri bese. Ni muri urwo rwego integanyanyigisho nshya zigomba kwita ku banyeshuri bese baba abacikiza amashuri abanza, baba abazakomeza mu yisumbuye ndetse n'amakuru.

Kubera ko ikinyarwanda ari ururimi kavukire ruhuza Abanyarwanda bese kandi rukaba rwigishwa mu mashuri abanza kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu wa gatandatu, ni ngombwa ko urwo rurimi rwitabwaho mu burezi cyane cyane ko ari na rwo rukoreshwa mu kwigisha mu myaka itatu ya mbere y'amashuri abanza.

Gusoma no kwandika ni inkingi y'amajyambere ahanywe. Ni yo mpamvu bigomba kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko cyane cyane mu mashuri abanza. Umwana w'Umunyarwanda agatozwa umuco wo gusoma no kwandika akiri muto bityo akawukurana akanawusakaza mu bandi.

Muri izi integanyanyigisho nshya twitaye kandi ku bumenyigiro ku buryo bw'umwihariko kugira ngo dufashe abana b'u Rwanda mu buzima bwabo bwa buri muni kandi tubashishikarize kwita ku bibazo bibangamiye isi muri rusange n'igihugu cyacu ku buryo bw'umwihariko. Ingingo zitaweho cyane cyane ni sida, ibidukikije, uburinganire, uburenganzira bw'umwana n'ubw'ikiremamuntu, gukunda igihugu no kwimakaza umuco w'amahoro.

0.1. Ibigamijwe muri iri vugururwa ry'integanyanyigisho z'amashuri abanza

- Guha abarimu n’abanyeshuri bo mu mashuri abanza integanyanyigisho zijyanye n’itego ndetse n’ibyifuzo by’igihugu muri rusange.
- Gushyira ahagaragara integanyanyigisho zizorohera abanditsi n’amacapiro mu gihe cyo kwandika no gucapa ibitabo mfashanyigisho.
- Gushyira ahagaragara integanyanyigisho ziteguwe ku buryo bunoze kandi bujyanye n’igihe.

0.2 Ibyitaweho cyane muri iri vugururwa

0.2.1 Ibireba umunyeshuri

- Kumukundisha ururimi rwe kavukire
- Kumutoza umuco wo gusoma no kwandika akiri muto
- Kumutoza guhimba
- Kumutoza umuco nyarwanda
- Kumuha ubumenyigiro buzamufasha mu buzima busanzwe

0.2.2 Ibireba mwarimu

Kumuha integanyanyigisho imworohera mu gutegura isomo no kuritanga tumwerekana intego rusange ya buri mwaka, ibigomba kwigwa buri gihembwe na buri cyumweru, ibyo umunyeshuri agomba gukora mu isomo, imfashanyigisho, n’imbonezamasomo.

0.2.3 Ibireba abanditsi n’amacapiro

Kubaha integanyanyigisho yerekana umurongo uzangenderwaho mu kwandika ibitabo mfashanyigisho

0.3 Imivugururire y’izi nteganyanyigisho

- Mu ivugururwa ry’izi nteganyanyigisho twahereye ku nteganyanyigisho zo muri 1997.
- Twitaye ku ntego n’ibyifuzo rusange bya Leta y’u Rwanda mu burezi cyane cyane intego y’uburezi kuri bose n’iyo gutoza umwana

w'Umunyarwanda umuco wo gusoma no kwandika.

- Twahaye umwanya ugaragara ubumenyingingiro rusange cyane cyane ibyerekeye sida, ibidukikije, uburinganire, uburenganzira bw'umwana n'ubw'ikiremwanuntu, gukunda igihugu, kwimakaza umuco w'amahoro
- Ku wa 23 Kamena 04 twakurikiye amasomo y'ikinyarwanda mu mashuri abanza ya Remera catholiqueI kugira ngo turebe niba amasomo y'ikinyarwanda atangwa ku buryo buhwitse. Nyuma twagiranye ikiganiro n'abarimu batubwira ingorane bagira n'ibibazo bijyanye no kwigisha isomo ry'ikinyarwanda muri rusange. Twazirikanye ingorane batugejejeho mu kuvugurura izi nteganyanyigisho kuko twumvaga atari umwihariko wabo.
- Twifashishije bimwe mu bikorwa mu bindi bihugu mu kwigisha indimi kavukire cyane cyane ibikorwa mu gihugu cya Zambia aho kwigisha gusoma no kwandika mu mashuri abanza byahagurukiwe kuva mu mwaka w'1999 (*New Breakthrough to Literacy*).
- Nyuma yo gutegura integanyanyigisho twazihaye abarimu barambye mu kazi (Ikigo cy'amashuri abanza cya **Save A** n'Ikigo cy'amashuri abanza cyigenga cya **Elena Guerra**), abakozi b'Ikigo cya Leta gishinzwe integanyanyigisho, n'abarimu ba Kaminuza bazobereye mu iyigandimi kugira ngo bagire icyo bazivugaho.

0.4 Imiterere y'integanyanyigisho

- Mu ntangiriro ya buri nteganyanyigisho y'icyiciro hari iriburiro, imbenezanyigisho rusange, imbenezamasomo rusange n'intego rusange bya buri mwaka.
- Buri mwaka ugabanyijemo ibihembwe bitatu
- Buri gihembwe kigabanyijemo ibyumweru umunani byo kwigisha, ibyumweru bisigara biharirwa kurangiza ibitarangiye, gusubiramo no gukora ibizamini.
- Buri cyumweru gifite intego zihariye, ibyigwa, imbenezamasomo, imfashanyigisho n'ibikorwa by'umunyeshuri mu isomo

0.5. Igihe ivugururwa ryakorewe : Kuva ku wa 21 Kamena kugeza 24 Nyakanga 2004

0.6 Ibyifuzo

- Kugira ngo izi nteganyanyigisho zishyirwe mu bikorwa ni ngombwa ko ibitabo bihagije hamwe n'izindi mfashanyigisho bigera ku banyeshuri vuba mu gihugu cyose.

- Mu rwego rwo gufasha umwarimu n'umunyeshuri kwibonera imfashanyigisho, byaba byiza kuri buri kigo cy'amashuri hashyizwe isomero.
- Hagomba abarimu bashoboye kwigisha isomo ry'ikinyarwanda no guhugura abasigaye kugira ngo bibafashe mu myigishirize mishya y'urwo rurimi.
- Mu myigishirize mishya y'ikinyarwanda byaba byiza hateganyijwe uburyo bw'iyumvabona (gukoresha tereviziyo na sinema) ndetse n'ibinyamakuru.
- Ni ngombwa kwita ku bwuzuzanye bw'ikinyarwanda n'izindi nyigisho.
- Mu rwego rwo gucengera ururimi no guhamya umuco w'igihugu ni ngombwa gukoresha amarushanwa y'ubwanditsi mu banyeshuri cyane cyane abo mu cyiciro cya kabiri.
- Kubera ko amategeko y'imyandikire y'ikinyarwanda ariho ubu akemangwa, akwiye kuvugururwa, hakagaragazwa imyandikire ikemura ibibazo bihari maze inzego zibishinzwe zikayitangaza.
- Mu gushishikariza abanyeshuri ubwanditsi ni ngombwa gushyiraho ibinyamakuru bijyanye n'ikigero cyabo cyangwa se ibinyamakuru byigenga bigaterwa inkunga kuko byunganira Leta.
- Hakwiriye gushyirwaho inama y'igihugu y'urutonde yagena amagambo y'amuga akoreshwa mu mashuri no mu zindi nzego z'imirimo.
- Mu byigishwa byose, ururimi rwigishirizwamo rugomba gukoreshwa ku buryo bukwiye haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko

0.7 Abateguye integanyanyigisho

- BIZIMUNGU Célestin, umugenzuzi mu Bugenzuzi Bukuru bw'Amashuri
- BUGIRIMFURA Alfred, inararibonye mu gutegura integanyanyigisho z'ikinyarwanda
- MUKAYIREGE Julienne, umuteganyanyigisho mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho
- MUREKATETE M. Béatrice, umuteganyanyigisho mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho
- MWUNGERI Evariste, umuteganyanyigisho mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho
- NIKUZE Homberga, umuyobozi w'ikigo cy'amashuri Remera catholiqueI
- NIYIBAHO Sylvestre, umuteganyanyigisho mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho
- NTAKIRUTIMANA Evariste, umwarimu mu ishami ry'indimi muri Kaminuza y'u Rwanda

ICYICIRO CYA KABIRI

0.1. IRIBURIRO

Mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza, umunyeshuri yahaboneye ubumenyi, ubumenyiringiro n'ubukeshya bituma yumva ururimi rw'ikinyarwanda, ashobora kuruvuga, kurusoma ndetse no kurwandika. Yahamenyeye gukoresha inyajwi, ingombajwi n'ibihekane mu mvugo no mu nyandiko; ndetse amenya no kwisomera imyandiko yoroheje. Ubumenyi n'ubushobozi afite mu mikoreshereze y'ururimi bizamufasha rero gukurikira inyigisho y'ikinyarwanda mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza no kurushaho gushyikirana n'abandi. Ubwo bumenyi bw'ibanze yaronkeye mu cyiciro cya mbere buzamufasha gutera indi ntambwe mu rurimi rwe, kuba Umunyarwanda w'ukuri urangwa n'umurava, uhamya umuco w'amahoro, wubahiriza uburenganzira bw'ikiremhamuntu, wita ku bidukikije kandi wirinda ibiyobyabwenge, ubusinzi n'ibyorezo nka sida na marariya.

Iyi nteganyanyigisho igenewe umunyeshuri wo mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza igomba kwita cyane ku **bushobozi bwo kumva, gutekereza, gusesengura, guhina, guhanga no gusobanura ingingo zigize ururimi n'izigize umuco mu magambo yumvikana**. Nyuma y'icyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, umunyeshuri azaba afite ubushobozi bw'ibanze bwamufasha gukurikira inyigisho zo mu byiciro byisumbuye ndetse n'utazashobora gukomeza amashuri azaba afite ubushobozi bwo kwirwanaho mu buzima no kugirira abandi akamaro.

0.2 IMBONEZANYIGISHO RUSANGE

Umunyeshuri wo mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza azaba atangiye kugimbuka no kugira ubushobozi bwo kwiyungura ubwenge cyane cyane ko azaba ashobora kwisomera inyandiko ziri mu kinyarwanda. Kuba kandi urwo rurimi rumufasha gushyikirana n'abandi byatumye yunguka ibitekerezo n'imyifatire iberanye n'umuco wa kinyarwanda. Inyigisho agiye guhabwa izaza yuzuzwa iyo yabonye mu cyiciro cya mbere. Ni yo mpamvu izafatira ku myandiko ifitanye isano n'ubumenyi bw'ibanze akeneye.

0.3. IMBONEZAMASOMO RUSANGE

- Kugira ngo isomo ry'ikinyarwanda rishobore kwigishwa neza, rigomba gutegurwa bihagije rihereye ku kigero cy'umunyeshuri kandi rifatiye ku byo asanzwe azi.
- Muri buri nyigisho, mwarimu agaragaza intego ngenamukoro, yiyambaza imfashanyigisho imwunganira mu kugeza umunyeshuri kuri izo ntego z'isomo.
- Inyigisho y'ikinyarwanda **ishingiye ku munyeshuri**. Ni yo mpamvu **umunyeshuri wo mu cyiciro cya kabiri agomba guhabwa uruhare runini mu gutekereza, kumva, kuvuga, gusoma imyandiko ndetse n'ibinyamakuru, kwandika anoza umukono kandi nta kosa, kwitegereza, gusesengura no guhanga.**

0.4 IYIGAMWANDIKO

Iyigamwandiko ni intera ikomeye mu iyigarurimi. Mwarimu afite uruhare rwo kunganira umunyeshuri mu kungura imvugo n'inyandiko, akumva, agasoma, akavuga, akandika mu buryo buboneye. Ubwo rero mwarimu agomba kubahiriza iyi mbata y'iyigamwandiko.

1. Ivumburamatsiko
2. Gusoma bucece
3. Gusoma aranguruye
4. Inyunguramagambo
5. Guhimba

0.5. INTEGO RUSANGE

0.5.1. Umwaka wa kane

Umunyeshuri urangije umwaka wa kane agomba kuba ashobora:

- Kumva ibyo asomewe cyangwa abwiwe no kubisobanukirwa
- Kuvuga ashize amanga
- Gusoma uko bikwiye bucece cyangwa aranguruye ijwi
- Gusesengura umwandiko yasomye
- Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe kandi anoza umukono
- Gusobanura imiterere y'ururimi.

0.5.2. Umwaka wa gatanu

Umunyeshuri urangije umwaka wa gatanu agomba kuba ashobora:

- Kumva no gusobanukirwa ibyo asomewe cyangwa abwiwe
- Kuvuga ashize amanga kandi ashiramo isekaza
- Gusoma uko bikwiye bucece cyangwa aranguruye ijwi
- Gusesengura umwandiko yasomye
- Kwandika no guhanga yubahiriza inyurabwenge n'inyandikire yemewe
- Gusobanura imiterere y'ururimi

0.5.3. Umwaka wa gatandatu

Umunyeshuri urangije umwaka wa gatandatu agomba kuba ashobora:

- Gusobanukirwa ibyo asomewe cyangwa abwiwe
- Kumvikanisha mu ruhamwe igitekerezo cyo
- Kwisomera no gusomera abandi inyandiko iri mu kinyarwanda
- Kugeza ku bandi ibitekerezo byo mu nyandiko ikwiye
- Kwiseengurira umwandiko
- Gukora inyandiko zisanzwe zo mu buzima bwa buri muni
- Gusesengura imiterere y'ururimi

0.6. ISUZUMABUMENYI

Mbere yo gutanga isomo, mwarimu akena intego ashaka kugeraho, bityo ateganya n'uburyo bw'isuzuma kugira ngo amenye niba koko intego yagezweho by'ukuri, bikaba byatuma atera imbere cyangwa aba aretse. By'umwihariko, mu nyigisho y'ikinyarwanda, imyitozo y'isuzuma izaba ishingiyeye ku kumva, kuvuga, gusoma no kwandika. Ntibizabuzwa kandi mwarimu guteganya amasuzuma nyuma y'igihe iki n'iki cyangwa nyuma y'icyiciro bitewe n'intego ashaka kugeraho.

4. UMWAKA WA KANE

4.1 Umwaka wa kane: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya mbere	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura. - Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe yumvise cyangwa yabonye atabivangavanze - Gusoma bucece no gusobanura mu magambo make ibyo yasomye - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Gusoma aranguruye - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko. 	<p>Ubwoko bw'umwandiko :</p> <p>Inkuru ngufi</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirana n'abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku nkuru yigwa cyangwa se kwitegereza no gusesengura amashusho ayerekeyeho - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku nkuru - Gusoma inkuru ngufi yose - Gusomesha inkuru ngufi igika ku kindi hasobanurwa amagambo mashya - Gusomesha inkuru ngufi yose - Gukoresha imyitozo no kuyikosora 	<p>Igitabo cy'umunyeshuri</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho cyangwa ibishushanyo akavuga inkuru ngufi ijyanye na byo - Kuvuga muri make inkuru ngufi yumvise, atajijinganya akurikiza inyurabwenge - Gusoma inkuru ngufi yose adahwihwisa, adashyiramo urutoki. - Gusoma igika cy' inkuru ngufi atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, kandi yumvikanisha ibyo asomye - Imyitozo yo kuzurisha amagambo mu nteruro

Umwaka wa kane: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya kabiri	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma adahwihwisa, adashyiramo urutoki - Gusomera abandi aranguruye, atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa - Gusubiza ibibazo ku nkuru yasomye. - Kugaragaza ibice bigize interuro isanzwe - Guhimba interuro ngufi ihamya akurikiza amategeko y'imyandikire y'ikinyarwanda - Gukoresha akabago n'akitso ku buryo buboneye - Kwandika ibyo bamubwiye nta kosa 	<p>Ubwoko bw'umwandiko: Inkuru ngufi</p> <p>Inshoza y'interuro: itsinda rya ruhamwa, inshinga, n'ibyuzuzo</p> <p>- Utwatuzo: akitso(,) n'akabago(,)</p>	<ul style="list-style-type: none"> -Gusomesha abanyeshuri - Kubaza abanyeshuri ku nkuru yasomwe - Kwandika interuro ku kibaho - Gusomesha interuro - Gusobanura interuro icyo ari cyo - Kuzisesenguramo ibice - Gusobanura imikoreshereze y'akabago n'akitso - Gukoresha icyandikwa 	<p>Igitabo cy'umunyeshuri</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma bucece - Gusoma aranguruye - Gusubiza ibibazo abajijwe ku nkuru - Kwerekana ibice bigize interuro yahawe - Guhimba interuro yifashishije amagambo mashya yize - Gukoresha akabago n'akitso mu nteruro yihimbiye - Gukora icyandikwa

Umwaka wa kane: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya gatatu	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Gusoma adahwihwisa - Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe, cyangwa yumvise atabivangavanze. - Gusomera abandi aranguruye, atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko. 	<p>Ubwoko bw'umwandiko:</p> <p>Umugani muremure</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirana n'abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku mugani wigwa cyangwa se kwitegereza no gusesengura amashusho awerekeyeho - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku mugani - Gusoma umugani wose - Gusomesha umugani igika ku kindi asobanura amagambo mashya - Gusomesha umugani wose - Kubaza abanyeshuri ku mugani wasomwe -Imyitozo yo gusimbuza amagambo (imbusane, imvugwakimwe,). 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho cyangwa ibishushanyo akavuga inkuru ijyanye na byo - Gusoma umugani wose bucece - Kuvuga muri make ibiri mu mugani yumvise, atajijinganya kandi akurikiza inyurabwenge - Gusoma igika cy'umugani atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa - Gusubiza ibibazo abajijwe ku mugani - Imyitozo

Umwaka wa kane: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya kane	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura. - Gusoma bucece no gusobanura mu magambo make ibyo yasomye. - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Gusoma aranguruye. - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko. - Gusobanura ingamba zo kurwanya isuri. - Guhimba interuro ngufi ibaza 	<p>Umwandiko ku byerekeye kurwanya isuri</p> <p>- Utwatuzo : akabazo(?)</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirana n'abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku mwandiko wigwa cyangwa se kwitegereza no gusesengura amashusho awarekeyeho - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko - Gusoma umwandiko wose - Gusomesha umwandiko igika ku kindi hasobanurwa amagambo mashya - Gusomesha umwandiko wose - Gukoresha imyitozo no kuyikosora - Kubaza inyigisho iri mu mwandiko - Gutanga imyitozo 	<p>Igitabo cy'umunyeshuri</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho cyangwa ibishushanyo akavuga inkuru ngufi ijyanye na byo - Gusoma umwandiko wose adahwihwisa - Kuvuga muri make ibyo yumvise, atajijinganya akurikiza inyurabwenge - Gusoma igika cy'umwandiko atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, kandi yumvikanisha ibyo asomye - Imyitozo yo kuzurisha amagambo mu nteruro - Kuvuga inyigisho akuye mu mwandiko no kuyandika - Gukoresha akabazo mu nteruro yihimbiye

Umwaka wa kane: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya gatanu	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe yumvise atabivangavanga. - Guhimba udusakuzo no gushakisha imigani migufi - Gukoresha amagambo yungukiye mu bisakuzo no mu migani migufi 	<p>Ubwoko bw'imyandiko: Ibisakuzo n'imigani migufi</p> <p>Inyunguramagambo</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga ingero z'ibisakuzo n'imigani - Gusaba abanyeshuri gushakisha ibisakuzo n'imigani - Kubasaba gusakuza no guca imigani migufi - Imyitoto yo gusimbuza amagambo (imbusane, imvugwakimwe, imvugakimwe, ingwizanyito...) 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Gusakuza - Gusubira mu bisakuzo yumvise - Gusobanura no gukoresha imigani migufi - Gushakisha ibisakuzo n'imigani migufi - Gukora imyitoto

Umwaka wa kane: igihembwe cya mbere

cyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya gatandatu	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma adahwihwisa, adashyiramo urutoki - Gusobanura mu magambo make ibyo asomye - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Gusomera abandi aranguruye, atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa kandi ashyira injyana aho iri. - Gusubiza ibibazo ku mwandiko yasomye. - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko. - Guhimba interuro ngufi itangara 	<p>Ubwoko bw'umwandiko:</p> <p>Ibyivugo by'amahomvu</p> <p>- Inyunguramagambo</p> <p>Utwatuzo: agatangaro (!)</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku byivugo - Kubasomera ibyivugo - Gusomesha asobanura amagambo mashya - Gusomesha abanyeshuri barangurura - Kubaza abanyeshuri ku byasomwe - Gufatisha mu mutwe - Kubasaba kwivuga - Imyitozo ku nyunguramagambo - Gutanga ingero z'interuro itangara - Gusaba abanyeshuri gutanga izindi ngero 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma ibyivugo - Gusoma atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa kandi ashyira injyana aho iri - Gusaba abanyeshuri gushakisha ibindi byivugo by'amahomvu - Gufata mu mutwe zimwe mu ngero zatanze - Kwivuga - Gukora imyitozo - Gukoresha agatangaro mu nteruro yihimbiye

Umwaka wa kane: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya karindwi	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura. - Gusoma bucece no gusobanura mu magambo make ibyo yasomye. - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Gusoma aranguruye. - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko. - Gusobanura ingamba zo kwirinda sida. 	Umwandiko ku cyorezo cya sida	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirana n'abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku mwandiko wigwa cyangwa se kwitegereza no gusesengura amashusho arewekeyeho - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko - Gusoma umwandiko wose - Gusomesha umwandiko igika ku kindi hasobanurwa amagambo mashya - Gusomesha umwandiko wose - Gukoresha imyitozo no kuyikosora - Kubaza inyigisho iri mu mwandiko 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho cyangwa ibishushanyo akavuga inkuru ngufi ijyanye na byo - Gusoma umwandiko wose adahwihwisa - Kuvuga muri make ibyo yumvise, atajijinganya akurikiza inyurabwenge - Gusoma igika cy'umwandiko atagemura, adategwa, yubahiriza utwatumye n'iyitsa, kandi yumvikanisha ibyo asomye - Imyitozo yo kuzurisha amagambo mu nteruro - Kuvuga inyigisho akuye mu mwandiko no kuyandika

Umwaka wa kane: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya munani	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma adahwihwisa - Gusobanura mu magambo make ibyo asomye. - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Gusomera abandi aranguruye, atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa kandi ashyira injyana aho iri. - Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu muvugo 	<p>Ubwoko bw'umwandiko: Umuvugo</p> <p>Inyunguramagambo</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomesha umuvugo bucece - Kubaza ibibazo rusange ku muvugo - Gusoma umuvugo - Gusomesha umuvugo igika ku kindi hasobanurwa amagambo mashya - Gusomesha umuvugo wose - Gufatisha umuvugo mu mutwe - Imyitoto yo gusimbuza amagambo (imbusane, imvugwakimwe, imvugakimwe, ingwizanyito..) 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma bucece - Kuvuga muri make ibiri mu muvugo akurikiza inyurabwenge - Gusoma igika atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa kandi ashyira injyana aho iri - Gusubiza ibibazo abajijwe ku muvugo - Gufata umuvugo mu mutwe no kuwuvuga - Gukora imyitoto

4.2 Umwaka wa kane: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya mbere	- Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura - Kuvuga amasano mu kinyarwanda	Amasano y'umuryango.	- Guhitamo umwandiko urimo inshoza y'amasano - Gusobanura amasano - Kubaza abanyeshuri amasano yabo	Igitabo, amafoto cyangwa amashusho	- Kuvuga amasano hagati y'abantu ahereye ku mashusho, amafoto cyangwa abantu azi - Gusubiza ibibazo abajijwe
Icyumweru cya kabiri	- Guhimba umuvugo ahereye ku nsanganyamatsiko zinyuranye - Gukoresha uko bikwiye utwuguruzo n'utwugarizo	Ubwoko bw'umwandiko: Umuvugo Utwatuzo : utwuguruzo n'utwugarizo (“ ”)	- Gutanga insanganyamatsiko zinyuranye no kuzisobanura - Gufasha abanyeshuri gushaka ibitekerezo - Kubasaba guhimba bandika - Gukosora imyandiko - Guhitamo umwandiko uboneye - Gutanga ingero no gusobanura imikoreshereze y'utwuguruzo n'utwugarizo	Igitabo cy'umunyeshuri	- Guhimba umuvugo mugufi - Gukoresha utwuguruzo n'utwugarizo
Icyumweru cya gatatu	- Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe yumvise atabivangavanga. - Guhimba byendaguzetsa n'urwenya	Ubwoko bw'umwandiko: Byendaguzetsa n'urwenya	- Gutanga ingero z'urwenya na byendaguzetsa. - Gusaba abanyeshuri gushakisha cyangwa guhimba urwenya na byendaguzetsa	Igitabo cy'umunyeshuri	- Gusoma byendaguzetsa n'urwenya - Gushakisha urwenya cyangwa byendaguzetsa - Imyitozo yo guhimba

Umwaka wa kane: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyumweru cya kane	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura - Gusobanura mu magambo make ibyo asomewe cyangwa abwiwe. - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Gusoma bucece - Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe, cyangwa yumvise atabivangavanze. - Gusomera abandi aranguruye, atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n’iyitsa - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko. 	<p>Ubwoko bw’umwandiko:</p> <p>Umugani muremure</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirana n’abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku mugani wigwa cyangwa se kwitegereza no gusesengura amashusho awerekeyeho - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku mugani - Gusoma umugani wose - Gusomesha umugani igika ku kindi asobanura amagambo mashya - Gusomesha umugani wose - Kubaza abanyeshuri ku mugani wasomwe 	<p>Igitabo cy’umunyeshuri</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho cyangwa ibishushanyo akavuga inkuru ijyanye na byo - Gusoma umugani wose adahwihwisa - Kuvuga muri make ibiri mu mugani yumvise, atajijinganya kandi akurikiza inyurabwenge - Gusoma igika cy’umugani atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n’iyitsa - Gusubiza ibibazo abajijwe ku mugani

Umwaka wa kane: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n’umunyeshuri
<p>Icyumweru cya gatanu</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura. - Gusoma bucece no gusobanura mu magambo make ibyo yasomye. - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Gusoma aranguruye. - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko. - Gusobanura uburenganzira bw’ikiremwa muntu. 	<p>Umwandiko ku burenganzira bw’ikiremwa muntu</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirana n’abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku mwandiko wigwa cyangwa se kwitegereza no gusesengura amashusho awerekeyeho - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko - Gusoma umwandiko wose - Gusomesha umwandiko igika ku kindi hasobanurwa amagambo mashya - Gusomesha umwandiko wose - Gukoresha imyitozo no kuyikosora - Kubaza inyigisho iri mu mwandiko 	<p>Igitabo cy’umunyeshuri</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho cyangwa ibishushanyo akavuga inkuru ijyanye na byo - Gusoma umwandiko wose adahwihwisa - Kuvuga muri make ibyo yumvise, atajijinganya akurikiza inyurabwenge - Gusoma igika cy’umwandiko atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n’iyitsa, kandi yumvikanisha ibyo asomye - Imyitozo yo kuzurisha amagambo mu nteruro - Kuvuga inyigisho akuye mu mwandiko no kuyandika

Umwaka wa kane: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya gatandatu	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma bucece - Gusobanura mu magambo make ibyo asomye - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe atabivangavanze. - Gusomera abandi aranguruye, atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa kandi ashyira injyana aho iri. - Gusubiza ibibazo ku mwandiko yasomye. - Guhimba interuro ngufi irimo uturegeka 	Ubwoko bw'umwandiko : Uturingushyo n'amagorane Utwatuzo: Uturegeka (...)	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku magorane - Kubasomera amagorane n'uturingushyo - Gusomesha asobanura amagambo mashya - Gusomesha baranguruye - Kubaza abanyeshuri ku byasomwe - Gufatisha mu mutwe amagorane n'uturingushyo - Gutanga ingero z'interuro iregeka - Gusaba abanyeshuri gutanga izindi ngero 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma amagorane n'uturingushyo yubahiriza utwatuzo n'iyitsa kandi ashyira injyana aho iri - Gutanga ingero z'amagorane n'uturingushyo - Gusaba abanyeshuri gushakisha andi magorane n'utundi turingushyo - Gufata mu mutwe zimwe mu ngero zatanzwe - Kuvuga amagorane n'uturingushyo atajijinganya - Gukoresha uturegeka mu nteruro yihimbiye

Umwaka wa kane: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya karindwi	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza uko amagambo atandukanywa n'ubutinde bw'inyajwi bwonyine. - Kwandika amagambo afite ubutinde - Gusomera abandi yumvikanisha ubutinde 	Ubutinde bw'inyajwi	<ul style="list-style-type: none"> -Gusomera abanyeshuri amagambo akababaza ikiyatandukanya. - gutaka/gutaaka - urutoki/urutooki - kuvura/kuvuura - gusaba/gusaaba - gusesa/guseesa - gusiba/gusiiba - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero kuri buri nyajwi no kuzandika 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga ingero z'amagambo atandukanyijwe n'ubutinde bw'inyajwi gusa - Kwandika amagambo agaragaza aho ubutinde buri - Gusomera abandi yumvisha aho ubutinde buri
Icyumweru cya munani	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura. - Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe yumvise cyangwa yabonye atabivangavanze - Gusoma no gusobanura mu magambo make ibyo yasomye cyangwa yabwiwe. - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko. 	Ubwoko bw'umwandiko: Inkuru ngufi	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirana n'abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku nkuru yigwa cyangwa se kwitegereza no gusesengura amashusho ayerekeyeho - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku nkuru - Gusoma inkuru ngufi yose - Gusomesha inkuru ngufi igika ku kindi hasobanurwa amagambo mashya - Gusomesha inkuru ngufi yose - Gukoresha imyitozo no kuyikosora 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho cyangwa ibishushanyo akavuga inkuru ngufi ijyanye na byo - Kuvuga muri make inkuru ngufi yumvise, atajijinganya akurikiza inyurabwenge - Gusoma inkuru ngufi yose adahwihwisa, adashyiramo urutoki. - Gusoma igika cy' inkuru ngufi atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, kandi yumvikanisha ibyo asomye - Imyitozo yo kuzurisha amagambo mu nteruro

4.3 Umwaka wa kane: igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya mbere	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura - Gusoma bucece no gusobanura mu magambo make ibyo yasomye - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga - Gusoma aranguruye - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko - Kugira ikinyabupfura, mu rugo , mu nzira, ku ishuri, muri bagenzi be, imbere y'abamuruta n'ahandi. 	<p>Umwandiko ku itozamuco: ikinyabupfura (indamutso, gusaba imbabazi, gushimira...)</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirana n'abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku mwandiko wigwa cyangwa se kwitegereza no gusesengura amashusho awarekeyeho - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko - Gusoma umwandiko wose - Gusomesha umwandiko igika ku kindi hasobanurwa amagambo mashya - Gusomesha umwandiko wose - Gukoresha imyitozo no kuyikosora - Kubaza inyigisho iri mu mwandiko - Kubaza ibibazo rusange ku myitwarire y'abavugwa 	<p>Igitabo cy'umunyeshuri</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho cyangwa ibishushanyo akavuga inkuru ijyanye na byo - Gusoma umwandiko wose adahwihwisa - Kuvuga muri make ibyo yasomye akurikiza inyurabwenge - Gusoma igika cy'umwandiko atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, kandi yumvikanisha ibyo asomye - Imyitozo - Kugaragaza ibibi n'ibyiza mu myitwarire y'abavugwa mu mwandiko

Umwaka wa kane: igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya kabiri	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma bucece - Gusobanura mu magambo make ibyo amaze gusoma - Gutahura ingingo zigize umwandiko - Gusomera abandi aranguruye, atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa kandi yumvikanisha ibyo asoma 	Ingingo zigize umwandiko	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomesha umwandiko bucece - Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko - Gusoma umwandiko - Gusomesha umwandiko igika ku kindi batanga ingingo ziri mu mwandiko - Kugaragaza iz'ingenzi - Gusomesha umwandiko wose 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma bucece - Gusubiza ibibazo rusange abajijwe ku mwandiko - Gusoma igika ku kindi avuga ibitekerezo birimo - Gusoma umwandiko wose adahwihwisa - Kuvuga muri make ibiri mu mwandiko, atajijinganya kandi akurikiza inyurabwenge - Kwandika ingingo z'ingenzi - Gusoma umwandiko wose
Icyumweru cya gatatu	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma bucece umwandiko - Gushaka ingingo z'ingenzi - Gukora inshamake 	Inshamake y'umwandiko	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomesha umwandiko - Kubaza ibibazo biganisha ku ngingo z'ingenzi - Kuzandika ku kibaho - Gusaba abanyeshuri guhina umwandiko bazifashishije 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma bucece - Gusoma aranguruye - Gutahura ingingo z'ingenzi - Kwandika mu magambo make ibikubiye mu mwandiko wasomwe

Umwaka wa kane: igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya kane	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko uko bikwiye arangurura ijwi - Gutandukanya izina bwite n'izina rusange - Kwandika neza amazina bwite - Gukoresha ubumwe n'ubwinshi ku buryo buboneye 	<ul style="list-style-type: none"> - Izina bwite n'izina rusange - Ubumwe n'ubwinshi bw'amazina rusange 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomesha umwandiko - Gusobanura inshoza y'amazina bwite n'amazina rusange - Gusobanura inshoza y'ubumwe n'ubwinshi - Gusaba abanyeshuri kuvuga amazina bwite n'amazina rusange - Imyitoto yo gushyira mu bumwe no mu bwinshi 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amazina bwite n'amazina rusange ari mu mwandiko - Gushyira mu bumwe cyangwa mu bwinshi amazina rusange
Icyumweru cya gatanu	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga muri make ubutumwa bukubiye mu ibaruwa - Kwerekana ibice bigize ibaruwa - Kwandika ku ibahasha ku buryo buboneye - Gukoresha neza utubago tubiri n'udukubo 	<p>Ibaruwa isanzwe</p> <p>Utwatuzo: Utubago tubiri n'udukubo(:)</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kuganira n'abanyeshuri ku buryo bukoreshwa mu gutanga ubutumwa - Gusomesha bucece ibaruwa - Kubaza ibibazo ku butumwa buri mu ibaruwa - Gusomesha ibaruwa igice ku kindi - Kwerekana ibice by'ingenzi - Gusaba abanyeshuri kwandika ibaruwa - Gukosora abanyeshuri 	Igitabo cy'umunyeshuri - ibahasha n'urupapuro	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma ibaruwa bucece - Kuvuga muri make ubutumwa bukubiye mu ibaruwa - Gusoma igika cy' ibaruwa adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa - Kugaragaza ibice by'ingenzi bigize ibaruwa - Kwandika ibaruwa - Gukoresha utwatuzo ku buryo buboneye

Umwaka wa kane: igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya gatandatu	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Kuvuga ahuza imvugo n'ingiro kandi ashyiramo isesekaza - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu gakinamico 	<p>Ubwoko bw'umwandiko :</p> <p>Agakinamico</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomera abanyeshuri agakinamico - Gusobanura amagambo mashya - Gusaba abanyeshuri kugafata mu mutwe - Guha buri mwana urubuga rwe (ibyo agomba gukina) - Kuberekera gukina 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Gufata mu mutwe agakinamico - Kugakina
Icyumweru cya karindwi	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma adahwihwisa, adashyiramo urutoki - Gusobanura mu magambo make ibyo asomewe cyangwa abwiwe. - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga ibyo yumvise. - Gusomera abandi aranguruye, atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa - Gusubiza ibibazo ku mwandiko yasomye - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko. 	<p>Umwandiko werekeye</p> <p>gukunda igihugu</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange - Kubasomera - Gusomesha asobanura amagambo mashya - Gusomesha baranguruye - Kubaza abanyeshuri ku byasomwe - Gutanga imyitozo yo gusimbuza amagambo (imbusane, imvugwakimwe, imvugakimwe, ingwizanyito,...) 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma bucece - Gusoma atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa - Kubwira abandi ibyo yasomye n'inyigisho yakuyemo - Gukora umwitozo

Umwaka wa kane: igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya munani	<p>- Kugaragaza uko amagambo atandukanywa n'isaku nyesi na nyejuru gusa.</p> <p>- Kwandika agaragaza isaku nyesi na nyejuru</p>	Isaku nyesi n'isaku nyejuru	<p>-Gusomera abanyeshuri amagambo akababaza ikiyatandukanya. guhera/guhêra - inda/indâ - ino/inô - urubwa/urubwâ - aho/ahô - isuka/isûka - umuswa/umuswâ - guhera/guhêra</p> <p>- Gusaba abanyeshuri gutanga ingero ku magambo atandukaniye gusa ku isaku nyesi na nyejuru</p>	Igitabo cy'umunyeshuri	<p>- Gutanga ingero z'amagambo atandukanyijwe n'isaku nyesi na nyejuru gusa - Kwandika agaragaza aho isaku riri - Gusomera abandi yumvisha aho isaku riri</p>

5. UMWAKA WA GATANU

5.1 Umwaka wa gatanu: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya mbere	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura. - Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe yumvise cyangwa yabonye atabivangavanze - Gusoma no gusobanura mu magambo make ibyo yasomye cyangwa yabwiwe. - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko. 	<p>Ubwoko bw'umwandiko: Inkuru ngufi</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirana n'abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku nkuru yigwa cyangwa se kwitegereza no gusesengura amashusho ayerekeyeho - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku nkuru - Gusoma inkuru ngufi yose - Gusomesha inkuru ngufi igika ku kindi hasobanurwa amagambo mashya - Gusomesha inkuru ngufi yose - Gukoresha imyitozo no kuyikosora 	<p>Igitabo cy'umunyeshuri</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho cyangwa ibishushanyo akavuga inkuru ngufi ijyanye na byo - Kuvuga muri make inkuru ngufi yumvise, atajijinganya akurikiza inyurabwenge - Gusoma inkuru ngufi yose adahwihwisa - Gusoma igika cy' inkuru ngufi atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, kandi yumvikanisha ibyo asomye - Imyitozo yo kuzurisha amagambo mu nteruro

Umwaka wa gatanu: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya kabiri	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura. - Gusoma bucece no gusobanura mu magambo make ibyo yasomye. - Kuvuga atajjiganya kandi ashize amanga. - Gusoma aranguruye. - Gutahura inyigisho iri mu gitekerezo - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko 	Ubwoko bw'umwandiko: Igitekerezo cya rubanda	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirana n'abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku mwandiko wigwa cyangwa se kwitegereza no gusesengura amashusho awerekeyeho - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko - Gusoma umwandiko wose - Gusomesha umwandiko igika ku kindi hasobanurwa amagambo mashya - Gusomesha umwandiko wose - Kubaza inyigisho iri mu mwandiko - Gukoresha imyitozo no kuyikosora 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho cyangwa ibishushanyo akavuga inkuru ngufi ijyanye na byo - Gusoma umwandiko wose adahwihwisa - Kuvuga muri make ibyo yumvise, atajjiganya akurikiza inyurabwenge - Gusoma igika cy'umwandiko atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, kandi yumvikanisha ibyo asomye - Kuvuga inyigisho akuye mu mwandiko no kuyandika - Imyitozo yo kuzurisha amagambo mu nteruro

Umwaka wa gatanu: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya gatatu	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura - Gusobanura mu magambo make ibyo asomewe cyangwa abwiwe. - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Gusoma bucece - Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe, cyangwa yumvise atabivanganze. - Gusomera abandi aranguruye, atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko. 	<p>Ubwoko bw'umwandiko: Umugani muremure</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirana n'abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku mugani wigwa cyangwa se kwitegereza no gusesengura amashusho awerekeyeho - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku mugani - Gusoma umugani wose - Gusomesha umugani igika ku kindi asobanura amagambo mashya - Gusomesha umugani wose - Kubaza abanyeshuri ku mugani wasomwe - Imyitozo yo gusimbuza amagambo (imbusane, imvugwakimwe, imvugakimwe, ingwizanyito, ...) 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho cyangwa ibishushanyo akavuga inkuru ijyanye na byo - Gusoma umugani wose adahwihwisa - Kuvuga muri make ibiri mu mugani yumvise, atajijinganya kandi akurikiza inyurabwenge - Gusoma igika cy'umugani atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa - Gusubiza ibibazo abajijwe ku mugani - Gukora imyitozo

Umwaka wa gatanu: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya kane	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma bucece umwandiko - Gushaka ingingo z'ingenzi - Guhina umwandiko 	Ihinamwandiko	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomesha umwandiko - Kubaza ibibazo biganisha ku ngingo z'ingenzi - Kuzandika ku kibaho - Gusaba abanyeshuri guhina umwandiko bazifashishije 	Igitabo cy'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> - Kwandika mu magambo make ibikubiye mu mwandiko wasomwe

<p>Icyumweru cya gatanu</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura. - Gusoma bucece no gusobanura mu magambo make ibyo yasomye. - Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga. - Gusoma aranguruye. - Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu mwandiko. - Gusobanura ingamba zo kwirinda sida n'izindi ndwara zifatira mu myanya ndangagitsina. 	<p>Umwandiko ku cyorezo cya sida n'izindi ndwara zifatira mu myanya ndangagitsina</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirana n'abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku mwandiko wigwa cyangwa se kwitegereza no gusesengura amashusho awarekeyeho - Gusomesha bucece - Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko - Gusoma umwandiko wose - Gusomesha umwandiko igika ku kindi hasobanurwa amagambo mashya - Gusomesha umwandiko wose - Gukoresha imyitozo no kuyikosora - Kubaza inyigisho iri mu mwandiko 	<p>Igitabo cy'umunyeshuri</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho cyangwa ibishushanyo akavuga inkuru ngufi ijyanye na byo - Gusoma umwandiko wose adahwihwisa - Kuvuga muri make ibyo yumvise, atajijinganya akurikiza inyurabwenge - Gusoma igika cy'umwandiko atagemura, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, kandi yumvikanisha ibyo asomye - Imyitozo yo kuzurisha amagambo mu nteruro - Kuvuga inyigisho akuye mu mwandiko no kuyandika
------------------------------------	--	---	--	-------------------------------	---

Umwaka wa gatanu: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
